# Nyagasani iruhande rwawe tuzabaho iteka

## Z22(H23)

Aimable K




Uhoraho, ni we mushumba wanjye, ntacyo nzabu**ra**
andagira **mu rwuri rutoshye**
akanshora ku mariba **y'amazi afutse**
maze akanko**meza umutima**

Anyobora inzira y'ubutungane abigiriye kubahiriza izina **rye**
n'aho nanyura **mu manga y'ijimye**
ntacyankura umutima, kuko uba uri **kumwe nanjye,**
inkoni yawe y'ubushumba i**ntera ubugabo**

Imbere yanjye uhategura ame**za**
abanzi **banjye babireba,**
ukansiga amavu**ta mu mutwe**
inkongoro yanjye u**kayisendereza**

Kuko ineza n'urukundo byawe biramperecye**za**
mu gihe **cyose nzaba nkiriho**
Nanjye rero nzaza niturire **mu ngoro, y'Uhoraho**
abe ariho nibera **iminsi yose**